RAPORO

Kigali, kuwa 15/04/1998

**RANGIRA Joseph**
**C/o MIJESCAFOP**
**DIRECTION DES SPORTS**
**DIVISION SPORT CIVIL**
**B.P 1044 KIGALI**

Bwana Minisitiri w'Urubyiruko,
Siporo, Umuco no kwigisha imyuga
iciriritse
KIGALI

Impamvu:
Raporo y'Ubutumwa

Bwana Minisitiri,

Hamwe n'iyi baruwa, nshimishijwe no kubagezaho raporo y'ubutumwa nagiyemo i Khartoum muri Soudan mperekeje ikipe ya A.P.R ubwo yari igiye gukina umukino wayo wo kwishyura wayihuje n'ikipe EL HILAL.

Mbifurije ku yakira neza.

**RANGIRA Joseph**

Bimenyeshejwe:

- Bwana Muyobozi w'Ishami rya Siporo muri MIJESCAFOP
KIGALI

# RAPORO Y'UBUTUMWA MU MAHANGA

## INTANGIRIRO:

Buri mwaka ishyirahamwe mpuzamahanga Ny'afurika ry'Umukino w'Umupira w'Amaguru (C.A.F. mu magambo ahinnye) rikoresha amarushamwa mpuzamahanga anyuranye muri uwo mukino. Rimwe muri ayo marushanwa ryitiriwe C.A.F rikaba rihuza buri mwaka amakipe y'Ibihugu by'Afurika yafashe umwanya wa gatatu iwayo.

Ni muri urwo rwego rero ikipe ya A.P.R yagiye i Khartoum gukina umukino wayo wo kwishyura wayihuje na AL HILAL yo muri icyo gihugu tariki 5 mata 1998, nyuma y'aho ikuriyemo « ASMARA BEER » yo muri Erythrée mu rwego rw'ijonjora.

Umukino wa mbere wo muri kimwe cya cumi na Gatandatu k'iryo rushanwa (1/16 de finale) wabereye i Kigali hanyuma A.P.R itsindwa igitego 1-0. Umukino wo kwishyura wabereye i Khartoum muri Soudan A.P.R yongera gutsindwa ku bitego 2-1 bityo iba irasezerewe mu marushanwa mpuzamahanga y'igikopo cya C.A.F muri uyu mwaka w'1998.

## UKO URUGENDO RWAGENZE

Ikipe ya A.P.R yarigizwe n'abakinnyi 18 ikaba yari iherekejwe n'umutoza wayo RIBAKARE Baudouin, umuganga GASHEREBUKA Jean Damascène, umunyamabanga wayo, Major BAYINGANA Firmin, KALISA Adolphe waruhagarariye FERWAFA akaba ari nawe waruyoboye Delegasiyo, nangye wari uhagarariye MIJESCAFOP hamwe n'abanyamakuru babiri boherejwe na Televiziyo y'U Rwanda.

Twavuye i kigali tariki 30 Werurwe 98 saa kumi n'igice tujyana n'indege ya Kenya Airways tugera ku kibuga cy'Indege cya Nairobi saa kumi n'ebyiri za nimugoroba (saa moya kw'isaha yo muri Afurika y'Uburasira zuba). Iyo ndege yari ifite gahunda yo guhaguruka ku kibuga cy'indege cya Kanombe saa cyenda n'iminota makumyabiri (15h20') hanyuma ikererwa hafi isaha yose bitewe n'uko amatike y'abakinnyi yatinze kuboneka. Nk'uko gahunda yurwo rugendo yariteganyijwe, twaraye i Nairobi, turahirirwa, hanyuma tuhava saa kumi n'ebyiri za nimugoroba (18heures) tugera i Khartoum saa mbiri n'igice za ni njoro (20h30)

Tukigera ku kibuga cy'indege cya Khartoum twabonanye n'abayobozi b'Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru rya Soudan (Soudan Football Federation) bari baje kwakira i kipe « Utalii » yo muri KENYA hanyuma batubwira ko batari batwiteze kuri uwo munsi, impanvu ikaba ari uko FERWAFA yari yabohereje Fax ibamenyesha ko twagombaga kuhagera kuwa kane tukaba twarahageze kuwa kabili. Cyakora ntibadutereranye bahise batwakira hanyuma baducumbikira hamwe n'abakinnyi ba utalii muri Hoteli Méridien y'i Khartoun.

## IMYITEGURO Y'IRUSHANWA I KHARTOUM

Twamaze iminsi 4 hanyuma dukina ku munsi wa gatanu, ku munsi wa mbere ikipe ya A.P.R yabuze ikibuga yitorezaho kubera ko, nk'uko abayobozi b'Ishyirahamwe ry'Umupira w'amaguru rya Soudan babitubwiye ntibari baduteguriye ikibuga cyo kwitorezaho kubera ko batari batwiteze uwo munsi, cyakora iminsi yakurikiye twashoboye guhabwa ikibuga cya Kaminuza aba ariho abakinnyi bitorezaho. Umunsi wa nyuma bucya ikipe ya A.P.R ikina na AL HILAL abakinnyi ba A.P.R bitoreje kuri Stade ya AL HILAL n'injoro kubera ko uwo mukino ariho wagombaga kubera kandi ugakinwa n'injoro.

## UKO UMUKINO WAGENZE

Hari ku cyumweru tariki ya 05 Mata 1998, saa moja za nimugoroba ubwo umusifuzi w'umunyacadi yatangizaga umukino wo kwishyura wahuje A.P.R na AL HALAL kuri Sitade y'iyo kipe yari yasuwe. Sitade yari yuzuye abanyasudani baribaje kwogeza ikipe yabo.

Naho ku ruhande rwa A.P.R hari abanyeshuli b'abanyarwanda biga muri Kaminuza y'i Khartoum bakoze uko bashoboye mu kwogeza A.P.R dore ko bari banafite ibendera ry'urwanda. Nta mvururu zahabaye uretse ko umwe muri abo banyeshuri wari ufite i bendera ry'urwanda yatewe ibuye akaryizibukira hanyuma rigakomeretsa umunyasudani wari hafiye.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yose anganya igitego kimwe ku kindi, hanyuma umukino urangira ari ikipe ya AL HALAL itahukanye itsizi y'ibitego 2-1 cya A.P.R iba ivuye mu marushanwa kubera ko mu mukino ubanza yari yatsinzwe 1-0. Hasigaye iminota 10 ngo umukino urangire, umusifuzi y'irukanye umutoza wa A.P.R ku ntebe y'abasimbura hanyuma biba ngombwa ko Major. BAYINGANA ava muri Tribune akajya kumusimbura kubera ko nta mufasha w'umutoza wari uhari.

# UMWANZURO

Muri rusange urugendo rwacu rwagenze neza, uretse ko hari abanyeshuri bane babanyarwanda twavanye i Kigali bagiye kwiga i Khartoum hanyuma bageze ku kibuga k'indege k'i Khartoum baburiza indege ibagarura i Nairobi kubera ko nta ruhushya rwo kwinjira muri Soudan bari bafite.

Bageze ku kibuga cy'indege cy'i Nairobi batawe muri yombi n'abashinzwe umutekano hanyuma barahafungirwa. Tugarutse twabonanye na Bwana MBANDAHE Alphonse Umunyamabanga wa mbere wa Ambasade y'Urwanda i Nairobi atubwira ko abo banyeshuri bagifungiye i Nairobi ariko atwizeza ko ikibazo cyabo agikurikiranira hafi.

Ikindi kintu nanenga ni uburyo urwo rugendo rwateguwe. Kuba indege yarakerewe guhaguruka, byatewe n'uko ibyangombwa (Amatike, amafaranga, Passeports n'ibindi...) byatinze kuboneka. Impamvu ikaba ari uko kenshi na kenshi, imihango yo gushaka ibyo bya ngombwa ikorwa ku munota wanyuma kandi urwo rugendo ruba rusanzwe ruzwi ku buryo iyo mihango (formalités) yagombye gutangirwa hakiri kare. Urugero natanga n'uko amatike y'indege yashatswe umunsi indege yagombaga guhaguruka kandi amalisiti y'abakinnyi yari amaze icyumweru cyose mu biro bya FERWAFA.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 15 Mata 1998